REPUBURIKA Y'URWANDA **NYAGATARE KUWA 29/06/2017**

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NYAGATARE

IBIPIMO BY'AMAHORO BYA 2017-2018 BYEMEJWE N'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAGATARE:

a) AMAHORO YO MU ISOKO:

I. Mu isoko ry'iterambere ryubatse

- Ahafatwa nk'umujyi hazajya hishyurirwa amafaranga ibihumbi bitanu (5000Frw) buri kwezi kuri buri kibanza
- Ahafatwa nka santeri z'ubucuruzi hazajya hishyurwa amafaranga ibihumbi bine(4000) buri kwezi kuri buri kibanza
- Ahafatwa nk'icyaro hazajya hishyurwa amafaranga igihumbi (1000 Frw) buri kwezi kuri buri kibanza

II. Mu isoko ritubatse:

- Ahafatwa nk'umujyi hazajya hishyurwa amafaranga ibihumbi bitatu(3000) buri kwezi kuri buri kibanza
- Ahafatwa nka santeri z'ubucuruzi hazajya hishyurwa amafaranga ibihumbi bibiri (2000 Frw) buri kwezi kuri buri kibanza
- Ahafatwa nk'icyaro hazajya hishyurwa amafaranga igihumbi (1000 Frw) buri kwezi kuri buri kibanza

Ibihano biteganijwe kuri aya mahoro

Amahoro nandi mafaranga byishyurwa mbere yuko serivise itangwa bitarenze tariki 5 z'ukwezi gukurikira ukwishyurirwa

Igihe amahoro ateganywa niri teka atishyuwe, yishyuwe akererewe cg atujuje igipimo, abarirwaho inyungu z'ubukererwe zingana na 1.5% buri kwezi cg igice cy'ukwezi amaze atarishyurwa. Iyi nyungu ibarwa uhereye ku munsi ukurikira uwo amahoro yagombaga kwishyurirwaho kugera kumunsi yishyuriweho nawo ubariwemo kandi buri munsi w'ubukererwe ubarwa ukwawo ntagukomatanya.

Uretse inyungu igomba kwishyurwa, uwishyuye akererewe cg utishyuye acibwa ihazabu ingana ni cumi ku ijana(10%) yayo yagombaga kwishyura ariko akaba adashobora kurenga ibihumbi icum i(10,000 Frw).

UKO AMAHORO AZATANGWA HAKURIKIJWE IMITERERE Y'IMIRENGE KU MASOKO Y'UBAKIYE NA TUBAKIYE MU KARERE KA NYAGATARE.

UMURENGE WA NYAGATARE:

-Mu Mujyi wa Nyagatare isoko ryubakiye amahoro n'amafaranga ibihumbi bitanu(**5,000** Frw) kuri buri gisima buri kwezi.

-Umujyi wa Nyagatare isoko ritubakiye amahoro n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi

-Mu Mujyi wa Nyagatare ahafatwa nka santeri z'ubucuruzi mu isoko ritubakiye rya Cyabayaga amahoro n'amafaranga igihumbi na Magana atanu (1500 Frw) kuri buri kibanza buri kwezi.

- Mu Murenge wa Nyagatare ahandi hafatwa nk'icyaro amahoro n'amafaranga igihumbi (1000 Frw) kuri buri kibanza buri kwezi.

UMURENGE WA MIMURI:

-Mu Mujyi wa MIMULI isoko ry'ubakiye amahoro n'amafaranga ibihumbi bitanu (**5,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

-Mu Mujyi wa MIMULI mu isoko hatubakiye amahoro n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

- Mu Murenge wa Mimuri ahandi hose ahafatwa nk'icyaro amahoro n'amafaranga igihumbi (**1000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

UMURENGE WA RWIMIYAGA:

-Mu Mujyi wa RWIMIYAGA mu isoko hubakiye amahoro n'amafaranga ibihumbi bitanu (**5,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

-Mu Mujyi wa RWIMIYAGA abacururiza kubisima mu isoko ryubakiye hazajya hasora nka santeri z'ubucuruzi amahoro n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3000Frw**) kuri buri muryango w'igisima buri kwezi.

-Mu Murenge wa Rwimiyaga mutundi dusoko ahafatwa nk'icyaro amahoro n'amafaranga igihumbi (1,000 Frw) kuri buri kibanza buri kwezi.

UMURENGE WA MATIMBA:

-Mu Mujyi wa Matimba isoko ry'ubakiye amahoro n'amafaranga ibihumbi bitanu (5,000 Frw) kuri buri kibanza buri kwezi.

-Mu Mujyi wa Matimba abacururiza kubisima mu isoko ryubakiye hazajya hasora nka santeri z'ubucuruzi amahoro n'amafaranga ibihumbi bitatu (3000 Frw) kuri buri muryango w'igisima buri kwezi.

-Mu Mujyi wa Matimba muyandi masoko ahafatwa nk'icyaro amahoro n'amafaranga igihumbi (**1,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

UMURENGE WA KARAMA:

-Mu Murenge wa Karama isoko ritubakiye riri mu mudugudu wa Nyakiga amahoro na mafaranga ibihumbi bitatu (3000 Frw) kuri buri kibanza buri kwezi.

-Mu Murenge wa Karama ahafatwa nk'icyaro n'amafaranga igihumbi (**1,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

UMURENGE WA RUKOMO:

-Mu Mujyi wa Rukomo isoko ryubakiye amahoro na mafaranga ibuhumbi bitanu (5,000 Frw) kuri buri kibanza buri kwezi.

-Mu Mujyi wa Rukomo abacururiza kubisima mu isoko ryubakiye hazajya hasora nka santeri z'ubucuruzi amahoro n'amafaranga (**3000 Frw**) kuri buri muryango w'igisima buri kwezi.

-Mu Mujyi wa Rukomo mu isoko ritubakiye amahoro n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3,000** Frw) kuri buri kibanza buri kwezi.

-Mu Murenge wa Rukomo ahafatwa nk'icyaro mu isoko ritubakiye amahoro n'amafaranga igihumbi (**1,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

UMURENGE WA GATUNDA:

-Mu Murenge wa Gatunda abacururiza mu isoko ritubakiye rya Buguma basora nka santeri z'ubucuruzi amahoro n'amafaranga ibihumbi bitatu **(3,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

Mu Murenge wa Gatunda mu isoko ritubakiye ry'ahafatwa nk'icyaro hose amahoro n'amafaranga igihumbi (**1,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

UMURENGE WA KARANGAZI:

-Mu Murenge wa Karangazi muma soko atubakiye Karangazi na Nyagashanga amahoro n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

Mu Murenge wa Karangazi mu isoko ritubakiye ahafatwa nk'icyaro hose amahoro n'amafaranga igihumbi (**1,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

UMURENGE WA KATABAGEMU:

-Mu Murenge wa Katabagemu abacururiza mu isoko ryubakiye amahoro n'amafaranga ibihumbi bine (4,000 Frw) kuri buri kibanza buri kwezi.

-Mu Murenge wa Katabagemu mu isoko ritubakiye amahoro n'amafaranga ibihumbi bibiri (**2,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

Mu Murenge wa Katabagemu mu isoko ritubakiye ry'ahafatwa nk'icyaro hose amahoro n'amafaranga igihumbi (**1,000 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

UMURENGE WA MUKAMA:

-Mu Murenge wa Mukama isoko rya Gihengeri amahoro n'amafaranga ibihumbi bibiri (2000 Frw) kuri buri kibanza buri kwezi.

Mu Murenge wa Mukama mu isoko ritubakiye ahandi hose amahoro n'amafaranga igihumbi (1,000 Frw) kuri buri kibanza buri kwezi.

UMURENGE WA TABAGWE:

-Mu Murenge wa Tabagwe muma soko atubakiye hose amahoro n'amafaranga igihumbi (1,000 Frw) kuri buri kibanza buri kwezi.

-Mu Mirenge ya **Kiyombe**, **Rwempasha** na **Musheri** amasoko yaho amahoro n'amafaranga igihumbi(1,000 Frw) kuri buri kibanza buri kwezi.

b.AMAHORO Y'IRIMBI RUSANGE:

Amahoro azajya yishyurwa mu irimbi rusange mu Karere ka Nyagatare n'amafaranga ibihumbi bitatu (**5000 Frw**) kuri buri mva.

c.AMAHORO KURI PARIKINGI:

Buri muntu uparitse muri parikingi yagenwe n'ubuyobozi bw'Akarere,yishyura amafaranga ya parikingi hashingiwe ku bwoko bw'ikinyabiziga kandi buri parikingi igomba kugira icyapa kiyiranga. Amafaranga ya parikingi yishyurwa buri saha, buri munsi cg buri kwezi. Ibipimo by'amahoro mu Karere ka Nyagatare bigenwe kuburyo bukurikira:

- Imodoka nto n'amapikipiki bizajya byishyura amafaranga ibihumbi bitatu (**3,000 Frw**) buri kwezi cyangwa Magana atanu (**500 frw**) ku munsi cyangwa ijana (**100 Frw**) ku isaha.
- Ikamyo nto na mini bisi bizajya byishyura amafaranga ibihumbi bitanu (5,000 Frw) buri kwezi . cyangwa Magana atanu (**500 frw**) ku munsi cyangwa Magana abiri (**200 Frw**) ku isaha.

- Ikamyo idafite remoroki,bisi nini naza taragiteri amahoro n'amafaranga ibihumbi birindwi (**7,000 Frw**) buri kwezi cyangwa igihumbi (**1000 frw**) ku munsi cyangwa magana atatu (**300 Frw**) ku isaha.

- Ikamyo ifite remoroki hamwe n'imashini nini ikoreshwa kubaka no gukora imihanda byishyura amafaranga ibihumbi cumi(10,000 Frw) buri kwezi cyangwa Magana ibihumbi bibiri (**2,000 frw**) ku munsi cyangwa igihumbi (**500 Frw**) ku isaha.

- Igare rizajya ryishyura amafaranga Magana abiri (**200 Frw**) kuri parikingi muri buri soko Ahafatwa nk'umujyi. Ahandi hose mu masoko n'amafaranga ijana (**100 Frw**)

Ikinyabiziga gikurura remoroki cg ikindi kinyabiziga uretse ipikipiki kizajya kishyura amahoro hakurikijwe ikiciro kirimo haruguru.

d. <u>AMAHORO YA PARIKINGI RUSANGE</u>:

Imodoka yose yinjiye muri parikingi rusange mu Karere ka Nyagatare, Izajya yishyura amahoro kuburyo bukurikira:

- Mini bisi zifite imyanya 18 n'amavatiri akora tagisi amahoro n'amafaranga maganatanu (500 Frw) buri uko yinjiye muri parikingi.

- Bisi n'izindi modoka zifite imyanya 18-30 amahoro n'amafaranga igihumbi (1,000 Frw) buri uko yinjiye muri parikingi.
- Bisi n'izindi modoka zifite imyanya 30-50 amahoro n'amafaranga ibihumbi bibiri (2000 Frw) buri uko yinjiye muri parikingi.
- Bisi n'izindi modoka zifite imyanya irenze 50 amahoro n'amafaranga ibihumbi bitanu (5000frw) buri uko yinjiye muri parikingi.
- Imodoka idakora imirimo rusange yogutwara abagenzi yishyurirwa amahoro y'amafaranga Magana abiri (200 Frw) buri uko yinjiye muri parikingi.

e).**<u>AMAHORO KU BUKODE BW'UBUTAKA:</u>**

- Buri metero kare ($M^{2)}$ y'ikibanza cy'ahafatwa nk'umujyi amahoro n'amafaranga mirongo itatu (**30** Frw) ku mwaka.

- Buri metero kare ($M^{2)}$ y'ikibanza cy'ahafatwa nka santeri z'ubucuruzi amahoro n'amafaranga cumi n'atanu (**15 frw)** ku m**w**aka.

- Buri metero kare (M^2) y'ikibanza cy'ahafatwa nk'icyaro no mu mudugudu hafite niburi igikorwa remezo amahoro n'amafaranga atanu (**5 Frw)** buri mwaka.

-Buri metero kare (M^2) y'ikibanza cy'inganda n'cyubucuruzi haba mu Mujyi cg mucyaro amahoro n'amafaranga mirongo itatu (**30 Frw)** buri mwaka.

-imico n'imibereho myiza.

- Buri metero kare ($M^{2)}$ y'ikibanza cy'ahafatwa nk'umujyi amahoro n'amafaranga mirongo itatu (**30** Frw) ku mwaka.

- Buri metero kare ($M^{2)}$ y'ikibanza cy'ahafatwa nka santeri z'ubucuruzi amahoro n'amafaranga cumi n'atanu (**15 frw)** ku m**w**aka.
- Buri metero kare (M^2) y'ikibanza cy'ahafatwa nk'icyaro amahoro n'amafaranga atanu (**5 Frw)** buri mwaka.

Ibihano biteganizwe kuri aya mahoro:

- Ihazabu ingana 10% y'amafaranga yagombaga kwishyura; ariko aya mafaranga nta gomba kurenga ibihumbi icumi(**10,000frw**)

- 1.5% y'inyungu z'ubukererwe za buri kwezi cg igice cy'ukwezi amahoro amaze atarishyurwa. Iyi nyungu ibarwa guhera umunsi ukurikira uwo amahoro yagombaga kwishyurirwaho kandi buri munsi ubarwa ukwawo nta gukomatanya.

NB: Mu rwego rw'imisoro n'amahoro, Imirenge ikurikira ifatwa nk'Imijyi mu Karere ka Nyagatare: -Umujyi WA NYAGATARE
-Umujyi WA RUKOMO
-Umujyi WA MIMURI
-Umujyi WA RWIMIYAGA
-Umujyi WA MATIMBA

f). AMAHORO KUBUKODE BWAGENEWE GUCUKURWAMO KARIYERI

Ubutaka bucukurwamo kariyeri buzajya bwishyura amahoro angana n'amafaranga mirongo itatu (**30 Frw**) kuri metero kare (M^2) buri mwaka.
Ubutaka bucukurwamo kariyeri(amabuye yagaciro) buzajya bwishyura amahoro angana n'amafaranga icumi (**10 Frw**) kuri metero kare (M^2) buri mwaka.

g) **AMAHORO KUBUKODE BW'UBUTAKA BUKORERWAHO UBUHINZI N'UBWOROZI.**

Amahoro yishyurwa buri mwaka ku cyemezo cy'ubutaka bukorerwaho imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi bufite ubuso buri hejuru ya hegitari ebyiri (2) ni amafaranga ibihumbi bine y'amanyarwanda (4,000 Frw) kuri hegitari imwe.

AMAHORO KU BUKODE BW'IBISHANGA (UBUTAKA) BUTUNGANYIJE N'UBUGATUNGANYIJE KUKORERWAHO UBUHINZI:

-Buri (10*10) m2 amahoro yishyurwa buri gihembwe n'amafaranga ibihumbi bibiri(2,000rwf) kubishanga bitunganyije
-Buri (10*10) m2 amahoro yishyurwa buri gihembwe n'amafaranga igihumbi (1,000rwf) kubishanga bidatunganyije cyangwa n'ubundi butaka bwa Leta buhingwaho

IBIPIMO BY'AMAHORO NTARENGWA ASHINGIYE KURI SERVICE ZIKORERWA ABATURAGE:

g).AMAHORO Y'ISUKU RUSANGE:

Buri kigo, ishami, n'agashami byacyo byishyura amahoro y'isuku rusange buri kwezi. Mu Karere ka Nyagatare,amahoro y'isuku rusange agenwe kuburyo bukurikira:

- Ahafatwa nk'icyaro amahoro n'amafaranga igihumbi (1000 Frw) buri kwezi.
- Ahafatwa nka santeri z'ubucuruzi amahoro n'amafaranga ibihumbi bitatu (3000frw) buri kwezi
- Ahafatwa nk'Umujyi amahoro n'amafaranga bihumbi bitanu (5000frw) buri kwezi.

UMURENGE WA NYAGATARE:

-Umujyi wa NYAGATARE amahoro y'isuku rusange n'amafaranga ibihumbi bitatu (5000 Frw) buri kwezi.

-Nyagatare ahafatwa nka santeri z'ubucuruzi Ryabega centre, Mirama I ni II, Nsheke centre, cyabayaga centre, rutaraka ya I ni II, Kukimaramu na Kamagiri amahoro n'amafaranga ibihumbi bitatu (3,000 Frw) buri kwezi.

-Ahandi hose mu murenge wa Nyagatare hafatwa nk'icyaro amahoro n'amafaranga igihumbi(1000) y'isuku rusange buri kwezi

.

ANDI MAFARANGA AZAVA MU MURENGE WA NYAGATARE:

- **Ubukode bw'Amazu:**
  - Inzu yagewe gukorerwamo akabari mu isoko rya nyagatare n'amafaranga ibihumbi mirongo ine(**50,000** Frw) buri kwezi
  - Inzu yagewe gukorerwamo restaurant mu isoko rya nyagatare n'amafaranga ibihumbi mirongo ine(**40,000** Frw) buri kwezi

NB.restraunt n'akabari mwisoko rya Nyagatare bizatangwa hakoreshejwe ubyo tombora,utomboye akaba ariwe ukorera

UMURENGFE WA MIMULI:

Ahafatwa nk'icyaro amahoro y'isuku rusange n'amafaranga igihumbi (1,000 Frw) buri kwezi.

-Umujyi wa Mimuli amahoro y'isuku rusange n'amafaranga ibihumbi bitanu (5,000 Frw) buri kwezi.

-Mimuli sentari z'ubucuruzi umudugudu w'Ubumwe, santeri ya nteko na Bibare amahoro n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3,000 frw**) buri kwezi.

ANDI MAFARANGA AZAVA MU MURENGE WA MIMULI:

- **Ubukode bw'Amazu:**
  - Inzu icururizwamo inyama mu isoko rya Mimuri n'amafaranga ibihumbi mirongo ine(**40,000** Frw) buri kwezi.

UMURENGE WA RWIMIYAGA:

Umujyi wa Rwimiyaga amahoro y'isuku rusange n'amafaranga ibihumbi bitanu (5,000 Frw) buri kwezi.

-Mu Murenge wa Rwimiyaga santeri z'ubucuruzi ni **BUGARAGARA, MUGAKENYERI**, KABEZA amahoro n'amafaranga ibihumbi bitatu **(3000 Frw**) buri kwezi.

-Mu Murenge wa Rwimiyaga ahafatwa nk'icyaro hose amahoro n'amafaranga (**1,000 Frw**) buri kwezi.

UMURENGE WA MATIMBA:

-Umujyi wa Matimba amahoro y'isuku rusange n'amafaranga ibihumbi bitanu (**5,000 Frw**) buri kwezi.

-Murenge wa Matimba Kagitumba santeri y'ubucuruzi amahoro y'isuku rusange n'amafaranga ibihumbi bitatu **(3,000 Frw)** buri kwezi.

-Murenge wa Matimba ahafatwa nk'icyaro hose amahoro y'isuku rusange n'amafaranga igihumbi (**1,000 Frw**) buri kwezi.

UMURENGE WA RUKOMO:

-Umujyi wa Rukomo amahoro y'isuku rusange n'amafaranga ibihumbi bitanu (**5,000 Frw**) buri kwezi.

-Murenge wa Rukomo ahafatwa nka santeri z'ubucuruzi amahoro n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3,000 Frw**) buri kwezi.

-Murenge wa Rukomo ahafatwa nk'icyaro hose amahoro y'isuku rusange n'amafaranga igihumbi (**1,000 Frw**) buri kwezi.

ANDI MAFARANGA AZAVA MU MURENGE WA RUKOMO:

- **Ubukode bw'Amazu:**
  - Inzu icururizwamo inyama mu isoko rya Rukomo n'amafaranga ibihumbi mirongwine(**40,000** Frw) buri kwezi
  - Canteen yo mu isoko rya Rukomo n'amafaranga ibihumbi icumi na bitanu (**15,000**)frw buri kwezi.
  - Restaurant yo mu isoko rya Rukomo (Inzu icururizwamo amafunguro)n'amafaranga ibihumbi mirongo itatu(**30,000frw**) buri kwezi
  - Ubukode bw'amazu yo mu isoko na amafaranga ibihumbi icumi(**10,000frw**) buri kwezi.

UMURENGE WA GATUNDA:

-Mu Murenge Gatunda santeri z'ubucuruzi Buguma na Muhambo amahoro y'isuku rusange n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3,000 Frw**) buri kwezi.

-Murenge wa Gatunda ahandi hose hafatwa nk'icyaro amahoro y'isuku rusange n'amafaranga igihumbi (**1,000 Frw**) buri kwezi.

UMURENGE WA RWEMPASHA:

-Mu Murenge wa Rwempasha santeri z'ubucuruzi amahoro y'isuku rusange Rwempasha centre no Kugasima n'amafaranga ibihumbi bitatu **(3,000 Frw**) buri kwezi.

-Mu Murenge wa Rwempasha santeri y'ubucuruzi ihana imbibi n'umunjyi wa Rwimiyaga amahoro y'isuku rusange n'amafaranga ibihumbi bitanu (5,000 Frw) buri kwezi.

-Mu Murenge wa Rwempasha ahafatwa nk'icyaro hose amahoro y'isuku rusange n'amafaranga igihumbi (1,000 Frw) buri kwezi.

UMURENGE WA MUSHERI:

-Mu Murenge wa Musheri santeri z'ubucuruzi amahoro y'isuku rusange Musheri centre n'amafaranga ibihumbi bitatu (3,000 Frw) buri kwezi.

-Murenge wa Musheri ahafatwa nk'icyaro hose amahoro y'isuku rusange n'amafaranga igihumbi (1,000 Frw) buri kwezi.

UMURENGE WA KIYOMBE:

-Mu Murenge wa Kiyombe hose hafatwa nk'icyaro amahoro y'isuku rusange n'amafaranga igihumbi **(1,000 Frw**) buri kwezi.

-Mu Murenge wa Kiyombe isoko ritubakiye amahoro n'amafaranga Magana atanu (**500 Frw**) kuri buri kibanza buri kwezi.

UMURENGE WA KATABAGEMU:

-Mu Murenge wa Katabagemu santeri z'ubucuruzi **Nyakigando** amahoro isuku rusange n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3, 000 Frw**) buri kwezi.

-Mu wa Katabagemu ahafatwa nk'icyaro hose amahoro y'isuku rusange n'amafaranga igihumbi (**1,000 Frw**) buri kwezi.

UMURENGE WA TABAGWE:

-Mu Murenge wa Tabagwe santeri z'ubucuruzi **NSHURI**, **TABAGWE** centre na **Nyabitekeri** amahoro y'isuku rusange n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3,000 Frw**) buri kwezi.

-Mu murenge wa Tabagwe,ahandi hasigaye hafatwa nk'icyaro amahoro y'isuku rusange n'amafaranga igihumbi (**1,000 Frw**) buri kwezi.

UMURENGE WA KARAMA:

-Mu Murenge wa Karama santeri z'ubucuruzi KARAMA Centre na KABUGA Centre amahoro y'isuku rusange n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3,000 Frw**) buri kwezi.

-ahandi hose hasigaye Mu Murenge wa Karama hafatwa nk'icyaro amahoro y'isuku rusange n'amafaranga igihumbi (1,000 Frw) buri kwezi..

UMURENGE WA MUKAMA:

-Mu Murenge wa Mukama santeri z'ubucuruzi amahoro y'isuku rusange **RUGARAMA** na **GIHENGERI** n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3,000 Frw**) buri kwezi.

Mu Murenge wa Mukama ahandi hose hafatwa nk'icyaro amahoro y'isuku rusange n'amafaranga igihumbi (1,000 Frw) buri kwezi.

UMURENGE WA KARANGAZI:

-Mu Murenge wa Karangazi santeri z'ubucuruzi **KARANGAZI centre**, kucya **NYIRANGEGENI** Centre, **NYAGASHANGA** Centre na **RYABEGA** amahoro isuku rusange n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3,000 Frw**) buri kwezi.

-Ahandi hose mu murenge wa Karangazi hafatwa nk'icyaro amahoro y'isuku rusange n'amafaranga igihumbi (1,000 Frw) buri kwezi.

AMAHORO MU MA SOKO Y'INKA:-
Amahoro y'Inka imwe y'ishyurwa ku kibanza mu isoko n'amafaranga ibihumbi bitatu (**3000** Frw) muri buri soko.

AMAHORO MU MASOKO Y'IHENE:

Amahoro y'ihene imwe y'ishyurwa ku kibanza mu isoko n'amafaranga Magana atanu (**500 Frw**) muri buri soko kandi amafaranga akishyurwa nuwayiguze.

AMAHORO MU MASOKO RY'AMAGARE:
Amahoro y'igare rimwe y'ishyurwa ku kibanza mu isoko n'amafaranga Magana atanu (**500 Frw**) muri buri soko .

AMAHORO Y'IBAGIRO:
-Amahoro y'ibagiro Inka n'amafaranga ibihumbi bine (**4,000 Frw)**, Ihene, Itama n'Ingurube n'amafaranga igihumbi na magana atanu (**1,500** Frw) muri buri bagiro mu karere ka Nyagatare.

AMAHORO Y'UBWIKOREZI BW'IMYAKA N'IBIKOMOKA KU MASHYAMBA:

-Imodoka ipakiye imyaka,amakara,imbaho n'ibiti byaguzwe n'umucuruzi yishyura amahoro amafaranga igihumbi (1,000 Frw) kuri buri toni.

g) AMAHORO YO GUSHYINGIRWA KU MUNSI UTARUWAGENWE N'INAMA NJYANAMA:
Umuntu wese ushaka gushyingirwa agasezeranywa ku munsi unyuranye nuwagenywe N'inama Njyanama azajya y'ishyura amafaranga ibihumbi icumi (**10,000 Frw**).

i)Amahoro yakwa kuri serivisi z"ibyangombwa by"umutungo utimukanwa:

Icyemezo cyo gusana, kuvugurura inyubako cyangwa kubaka uruzitiro rw'inzu cyishyurirwa amahoro angana n'amafaranga igihumbi na Magana abiri y'amanyarwanda (1200 Frw) mu karere ka Nyagatare.

Uruhushya rwo kubaka rwishyurirwa amahoro ku buryo bukurikira:
a. Amafaranga ibihumbi makumyabiri y'amanyarwanda (20.000 Frw), kuva kuri metero kare zeru (0 m^2) kugeza kuri metero kare ijana (100 m^2) z'ubuso bwubakwamo;
b. Amafaranga ibihumbi mirongo ine y'amanyarwanda (40,000 Rwf), kuva kuri metero kare ijana (100 m^2) kugeza kuri metero kare magana atanu (500 m^2) z'ubuso bwubakwamo;
c. Amafranga ibihumbi mirongo itandatu y'amanyarwanda (60,000 Rwf), kuva ku buso bwubakwamo bwa metero kare zirenze magana atanu (500 m^2);
d.Abantu batuye mu midugudu y'ahafatwa nk'icyaro,icyemezo cyo kubaka,no gupimirwa ikibanza cyishyurirwa amafaranga atarenze ibihumbi bitanu y'amanyarwanda(5,000rwf)

Inama njyanama y'urwego rw'ibanze ifite uburenganzira bwo gusonera umuntu udafite ubushobozi iyo abisabye munyandiko.

j).AMAHORO KU BYAPA BYAMAMAZA:

Icyapa cyamamaza kizajya kishyura amafaranga ibihumbi makumyabiri (**20,000 Frw**) kuri M^2 ku mwaka Nikiramuka cyamamaza impande zombi buri ruhande ruzajya rwishyura amafaranga ibihumbi makumyabiri (**20,000** Frw) kuri M^2 ya buri ruhande.

Icyapa cyamamaza hakoreshejwe uburyo bwa electronique kizajya kishyura amafaranga ibihumbi mirongo inani (**80,000frw).**

- Banderore iriho ubutumwa bumenyekanisha ibikorwa izajya yishyurirwa amahoro angana n'ibihumbi icumi(**10,000Frw**) ku munsi.

- Kwamamaza ubucuruzi hakoreshejwe ibyapa cg ibishushanyo bikorewe ahandi hanyuranije n'ibiteganwa n'igika cya 2 cyingingo ya 19 yiri teka bizajya bisabirwa uburenganzira nibutangwa, hishyurwe amafaranga ibihumbi mirongo inani (**80,000 Frw**).

UMUGEREKA KU MABWIRIZA N^{O} .....YO KUWA 29/06/2016 Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAGATARE YEREKEYE ISUKU MU KARERE UGENA AMAHAZABU N'UBURYO BWO GUSUBIZAHO IBYANGIJWE

1. **ISUKU RUSANGE**

IKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU (Frw)**
Kumena ibishingwe ahatabugenewe	Gusubiranya ibyangijwe	Mujyi 5,000; icyaro 2,000
Imodoka itwaye imyanda idapfundikiye cyangwa imodoka igenda imena imyanda mu muhanda.	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Imodoka izafatwa yikoreye kariyeri,imyaka n'ibikomoka ku mashyamba yanze kwishyura amahoro izajya icibwa amande		20,000
Gushyira ibikoresho by'Ubwubatsi ku imihanda	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Kutishyurira imyanda murugo	Kwishyurira imyanda	5,000
Amazi yakoreshejwe mu ngo yayobowe mu miyoboro y'amazi y'imvura	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Kudakora isuku ku nkengero z'urugo	Kuhasukura	Mumugi 5,000 Icyaro 1,000
Gukandagira mu busitani no kuhaca inzira itemewe	Gusubiranya ibyangijwe	5,000
Kugonga umukindo, indabo	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Kwangiza igiti gisanzwe	Gusubiranya ibyangijwe	umugi10,000 mucyaro 5,000
Kudasiga irange inyubako (amabati ashaje	Gusiga irangi	mumugi10,000

n'inkuta) Mu cyaro gukurungira		mucyaro 5,000
Kudakaraba umubiri	Kunengwa mu nteko y'abaturage	500
Kutagira igikoresho cyabugenewe cyo gushyiramo imyanda	Kugishyiraho	Mu mujyi 5,000 Mu cyaro 1,000
Kujugunya icupa ry'amazi n'indi myanda mu muhanda	Gukuraho iyo myanda cyangwa icupa	2,000
Kwambara imyenda idafuze	Kuyifura	500
Kutambara inkweto	Kunengwa mu nteko y'abaturage	500
Umwanda ku bana	Kunengwa mu nteko y'abaturage	500 kuri buri mwana
Kutagira agatandaro	Kukubaka	2,000
Kutagira kandagira ukarabe ku bwiherero(ibigo bya leta restaurants utubari)	Kuyihashyira igakoreshwa	5,000
Kutagira umugozi wanikwaho imyenda mu mujyi na santire z'ubucuruzi	Kuwuhashyira ukanakoreshwa	1,000
Gutega ibitambaro mu mutwe, ingofero bifite umwanda	Kunengwa mu nteko y'abaturage	500

2.

RESITORA

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU (Fr)**
INYUBAKO		
Kutagira uruhushya rwo gukora Resitora	Guhagarikwa	10,000
Kuba yaragenewe guturwamo	Guhagarikwa	10,000
Kutagira uburyo bwo gucunga amazi yanduye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubuhumekero buhagije	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kuba ahakikije inyubako hari igitaka	Gutera ubusitani/ pavement	10,000
Kuba inzu iteye irangi ritari iryera cyangwa "*cream*"	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira igikoni cyubakishijse amakaro hasi no ku nkuta nibura kugeza kuri m 1.5	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira uburyo bwo gusohora umwotsi n'ubushyuhe mu gikoni(fume and heat extractor)	bushyirwaho	10,000
Kutagira ububiko bukwiye	bushyirwaho	10,000
Kuba yegereye ahamenwa imyanda	Guhagarikwa	10,000
Kuba ifatanye n' amazu atuwemo	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

Kutagira uburyo bwo kubika no gufata amazi y'imvura	Bishyirwaho	Mu mugi 10,000 Mu cyaro 5,000
Kutagira uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi y'umuriro	Bushyirwaho	10,000
Kutagira urwambariro rw'abakozi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubwiherero buhagije	Guhagarikwa by'agateganyo	5,000
ABAKOZI		
Umukozi utarasuzumwe indwara zanduza mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane ku ivuriro rya Leta (igituntu, inzoka zo mu nda, tifoyide n'indwara z'uruhu)	Guhagarika akazi	5000
Umukozi utambaye umwambaro w'akazi (itaburiya yera, ingofero n'inkweto zera ku bakora mu gikoni)	Guhagarika akazi akabanza kuwambara	5000
Kutagira umukozi ufite ubumenyi mu isuku y'ibiribwa	Kumushaka	5,000
Umukozi udafite isuku (guca inzara, kutazisiga vernis,)	Guhagarika akazi	5000
Ibikoresho		
Ameza atari Aluminium ategurirwaho mu gikoni	Kuyashyiraho	10,000
Kutagira puberi ipfunduzwa ikirenge	Kuyishyiraho	10,000
Kutagira akabati k'ibirahure kabikwamo ibikoresho byo ku meza	Kugashyiraho	10,000
Kutagira igikoresho kijyamo isabune y'amazi	Kugishyiraho	5000
Kutagira igikoresho cyo kumutsa intoki nyuma yo gukaraba	Kugishyiraho	10,000
Kutagira igikoresho gishyushya amazi ahogerezwa (water heater)	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kuvanga ibiribwa bitemerewe kuvangwa	Kubijugunya	10,000
Kutagira ibikoresho byo kuzimya umuriro	Kubishaka	10,000
Gucamo serviets		5,000
Ibikoresho byo ku meza bidahagije	Kubyongera	10,000

3. AMACUMBI

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU (Frw)**

Kuba yaragenewe guturwamo	Guhagarikwa	10,000
Kutagira uruhushya rwo gukora nk‘icumbi	Guhagarikwa	10,000
Kutagira amazi n‘umuriro	Guhagarikwa	10,000
Kutagira uburyo bwo gucunga imyanda y’amazi	Guhagarikwa by‘agateganyo	10,000
Kuba buri cyumba kidafite ubwiherero n’ubwiyuhagiriro	Guhagarikwa by‘agateganyo	10,000
Kutagira aho kumesera no guterera ipasi	Guhagarikwa by‘agateganyo	10,000
Kutagira icyumba kibikwamo ibisaswa kandi gihorana isuku	Kugishaka	10,000
Kutagira ubuhumekero karemano buhagije cyangwa ubwa kijyambere (Air conditioner)	Guhagarikwa by‘agateganyo	10,000
Kutagira urumuri ruhagije	Kurushyiraho	10,000
Kuba ahakikije inyubako hari igitaka nta busitani cyangwa imbuga itunganyije “pavement“	Guhagarikwa by‘agateganyo	10,000
Kuba inyubako itarimo amazi ashyushye	Kuyashyiramo	10,000
Kutagira uburyo bwo kurwanya udukoko (hatari utuyunguruzo mu myanya y’ubuhumekero)	Kubushyiraho	10,000
Kutagira uburyo bwo gufata amazi y’imvura	Kubushyiraho	10,000
Kuba idasize irangi rikeye kandi rituje mu byumba (iryera cyangwa *cream*)	Guhagarikwa by‘agateganyo	10,000
Kutagira uburyo bwo gukumira no kurwanya inkongi y’umuriro	Kubushyiraho	10,000
Ibikoresho:		
Kutagira puberi mu bwiherero	Kuzishaka	5000
Kutagira puberi mu cyumba	Kuzishaka	5000
Inkweto z’amazi zikoreshwa n’umukiriya urenze umwe	Kubikosora	10,000
Kutagira agasanduka k’ubutabazi bw’ibanze (first aid box)	Kugashyiraho	10,000
Kutagira ibikoresho byo kumesa no gutera ipasi, ibisaswa n’ibitambaro by’amazi	Guhagarikwa by‘agateganyo	10,000
Kutagira ibikoresho byo kuzimya umuriro	Kubishaka	10,000

4. AKABARI

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU (Frw)**
Kutagira uruhushya rwo gukora Akabari	Guhagarikwa	10,000
Kuba yaragenewe guturwamo	Guhagarikwa	10,000
Kutagira uburyo bwo gucunga amazi yanduye	Guhagarikwa by’agateganyo	10,000
Kutagira ubuhumekero buhagije	Guhagarikwa by’agateganyo	10,000
Kuba ahakikije inyubako hari igitaka	Gutera ubusitani/	10,000

	pavement	
Kuba inzu iteye irangi ritari iryera cyangwa "*cream*"	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kuba yegereye ahamenwa imyanda	Guhagarikwa	10,000
Kuba ifatanye n'amazu atuwemo	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira uburyo bwo kubika no gufata amazi y'imvura	Bishyirwaho	10,000
Kutagira uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi	Bushyirwaho	10,000
Kutagira urwambariro rw'abakozi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubwiherero buhagije	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira uburyo bwo gukumira urusaku	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira aho kunywera itabi hitaruye	Kuhashaka	10,000
Kuba imishito ikoreshwa kenshi	Kujugunya ibiriho	5,000
Gucuruza ibintu bitujuje ubuziranenge	Kubijugunya	10,000
Kutagira ibi bikurikira:		
Urwambariro rw'abakozi	Kurushyiraho	10,000
Lavabo iriho isabune n'igikoresho cyo kumutsa intoki"***hand drier***"	Kuyishyiraho	10,000
Igitebo imyanda gipfunduzwa ikirenge mu cyocyezo	Kugishyiraho	10,000
umuyoboro usohora umwotsi n'ubushyuhe mu cyocyezo hanze (chimney)	Kuwushyiraho	10,000
Akayunguruzo ko ku cyocyezo kadakoze muri Aluminium	Kugashyiraho	10,000
Umukozi utarasuzumwe indwara zanduza mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane ku ivuriro rya Leta (igituntu, inzoka zo mu nda, tifoyide n'indwara z'uruhu)	Guhagarika akazi	5000
Umukozi utambaye umwambaro w'akazi (itaburiya yera, ingofero n'inkweto zera ku bakora mu gikoni)	Guhagarika akazi akabanza kuwambara	5000

5. AMASOKO

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU(Frw)**
Gucururiza ibyo kurya cyangwa ibinyobwa hasi ku butaka	Kujugunya ibyo biribwa	10.000
Kuvanga ubucuruzi bw'inyama n'amafi n'ibindi bicuruzwa	Kujugunya amafi n'inyama bibitse nabi	10.000
Gutwara inyama n'amafi mu modoka itarabugenewe	Kujugunya ayo mafi cyangwa izo nyama	10.000

Gucuruza ibintu bidafite ubuziranege mu isoko	Kujugunya ibitujuje ubuziranenge	10.000
Utubahirije isuku isabwa ku bucuruzi bw'amata mu isoko	Guhagarikwa	10.000
Kutagira isuku y'aho ukorera	Kuhasukura	10.000
Gucururiza amatungo mu isoko ritabigenewe	Guhagarikwa	10.000

6. AHO BOGOSHERA N'AHO BATUNGANYIRIZA IMISATSI

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMANDE (Frw)**
Kutagira aho kubika ibikoresho	Kuhashaka	10,000
Kutagira igitebo cyo kumenamo umwanda w'umusatsi n'indi myanda yose yahaboneka	Kugishaka	Mumugi 5,000 Mu cyaro 2000
Kutagira aho gukarabira mu mutwe habugenewe	Kuhateganya	Mumugi 5,000 Mu cyaro 2000
Kutagira ubwiherero	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira icyobo cyabugenewe cyo gushyiramo amazi yanduye	Guhagarikwa by'agateganyo	Mumugi 5,000 Mu cyaro 2000
Kutagira ibikoresho bya salon bihagije kandi bifite isuku	Kubishaka	Mumugi 5,000 Mu cyaro 2000
Kutagira icyuma gisukura imashini zogosha (sterilisateur)	Guhagarikwa by'agateganyo	Mumugi 5,000 Mu cyaro 2000
Gukoresha abakozi batapimwe indwara zanduza na muganga nibura rimwe mu mezi ane	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira icyangombwa kiguha uburenganzira bwo gukora umurimo wa saloon	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

7. AHO IMODOKA ZINYWERA AMAVUTA

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU (Frw)**
Kutagira ubwiherero busukuye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira pavement n'ubusitani /hari igitaka	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira igikoresho cyo gushyiramo imyanda ikomeye cyabugenewe	Kugishyiraho	10,000
Kutagira ibikoresho cyo kuzimya umuriro	Kubishyiraho	10,000
Kutagira umukozi uhugukiwe n'ibyo kurwanya inkongi	Kumushyiraho	10,000

8. AHAKORERWA IMIGATI

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU (Frw)**
Kutagira uruhushya rutagwa n'urwego rubifitiye	Guhagarikwa	10,000

ububasha		
Inzu itagira uruhushya rwo gukorerwamo rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha	Guhagarikwa	10,000
Inzu idafite ubuhumekero n'urumuri bihagije	Kubishyiraho	10,000
Inzu idafite isuku hasi, ku nkuta no ku gisenge	Gusukura	10,000
Kutagira amazi ahagije	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi y'umuriro	Kubushyiraho	10,000
Kutagira uburyo bwo kubika amazi no gufata amazi y'imvura	Kubushyiraho	10,000
Kutagira aho bashyira imigati mu bifuniko byabugenewe	Kuhashyiraho	10,000
Kutagira ahavangirwa ifarini habigenewe	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira urwambariro rw'abakozi	Kurushyiraho	10,000
Kutagira igikoresho kijyamo imyanda gipfunduzwa ikirenge	Kugishyiraho	10,000
Kutagira ahabikwa ifarini n'ibindi bikoresho by'imigati hatagera ubuhehere (humidity)	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubwiherero bw'abagabo n'ubw'abagore busukuye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubwogero butandukanye ku bagore n'abagabo	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubwishingizi bw'impanuka ku bakozi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Abakozi batambaye imyambaro y'akazi	Kuyambara	10,000
Abakozi batasuzumwe indwara zanduza	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

9. IMASHINI ITUNGANYA AMATA

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU (Frw)**
Gukora imirimo yo gutunganya amata utabifitiye uburenganzira	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Gukora imirimo yo gutunganya amata utagira imashini iteka amata	Kuyishaka	10,000
Gucuruza amata yangiritse	Kuyabikira/ kuyabogora	10,000
Kutagira icyuma gikonjesha cyo kubikamo amata mu cyumba cyabugenewe	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira «lactometre» yo gupima ko nta bintu bindi byavanzwe n'amata (amazi n'ibindi)	Kuyishaka	10,000
Kutagira isuku y'ibikoresho	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

Kutagira icyobo cy'amazi yanduye gipfundikiye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Gukoresha abakozi batapimwe indwara zanduza na muganga	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

10. AHO BACURURIZA AMATA

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU (Frw)**
gukora ubucuruzi bw'amata udafite uburenganzira butangwa n'Umurenge	Guhagarikwa by'agateganyo	Mu mugi 5,000 Mu cyaro 2,000
Gukora ubucuruzi bw'amata mu nyubako itujuje ibyangombwa	Guhagarikwa by'agateganyo	Mu mugi 5,000 Mu cyaro 2,000
Kutagira icyuma cyo guterekamo amata kandi cyiyakonjesha	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Gucuruza amata yangiritse	Kuyabogora	10,000
Kutagira amazi ahagije	Guhagarikwa by'agateganyo	Mu mugi 5,000 Mu cyaro 2,000
Kutagira igitebo cyo kumenamo imyanda (Poubelle)	Kugishaka	Mu mugi 5,000 Mu cyaro 2,000
Kutagira isuku y'ibikoresho, isuku y'abakozi n'aho bakorera	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubwiherero	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira imiyoboro y'amazi yanduye n'ay'imvura hamwe n'ibyobo by'amazi yanduye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Gukoresha abakozi batapimwe na muganga indwara zanduza	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

11. AHAKORERWA IMIRIMO YO GUSYA IMYAKA

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU**
Gukoresha imashini nta burenganzira butangwa n'urwego rubishinzwe	Guhagarikwa	10,000
Gukoreshereza imashini mu nyubako itujuje ibyangombwa	Guhagarikwa	10,000
Kubika imyaka yo gusya hasi ku butaka	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Kutagira ubwiherero	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Kutagira aho kwiyuhagirira n'aho gukarabira	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Kutagira amazi ahagije	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Kutagira imiyoboro y'amazi y'imvura n'icyobo cy'amazi mabi	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Kutagira umwambaro w'akazi na masque	Guhagarikwa	10.000

by'abakozi	by'agateganyo	
Kutagira urwambariro rw'abakozi	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Gukoresha abakozi batapimwe na muganga indwara zanduza	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000

12. INGANDA

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU (Frw)**
Kutagira:		
Uburenganzira bwo gukora uruganda	Guhagarikwa	10,000
Amazi ahagije	Kuyashyiraho	10,000
Ubwiherero buhagije bw'abagabo n'abagore kandi buhorana isuku	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Uburyo bwo gufata amazi y'imvura	Kubushyiraho	10,000
Uburyo bwo gutunganya amazi yanduye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Ibikoresho byo gushyiramo imyanda byabugenewe	Kubishyiraho	10,000
Uburyo bwihariye bwo gucunga imyanda y'urunganda	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Uburyo bwo gukumira no kurwanya inkongi	Kubushyiraho	10,000
Kutuzuza iby'abakozi		
Imyambaro y'akazi yabugenewe kandi bakayambara igihe cyose bari mu kazi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Ubwishingizi bw'impanuka n'ubundi burwayi bwakomoka ku murimo akora ku bakozi bafatiwe n'umukoresha	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kwipimisha indwara zanduza buri mezi ane	Kubapimisha	10,000

IBARIZO

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU (Frw)**
Gukora imirimo y'ibarizo nta burenganzira ubifitiye	Guhagarikwa	10,000
Gukorera imirimo yo kubaza mu nyubako iri hagati mu mazu atuwemo	Guhagarikwa	10,000

Kutagira ubwiherero	Guhagarikwa	10,000
Kutagira imiyoboro y'amazi y'imvura	Guhagarikwa by'agateganyo	5,000
Kutagira igitebo cy'imyanda kutagira aho kurunda imyanda y'ibarizo	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Abakozi batapimwe na muganga	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ibikoresho birinda abakozi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

13. IGARAJI

AMAKOSA	**ICYEMEZO CYAFATWA**	**AMAHAZABU (Frw)**
Gukorera imirimo y'igaraji ahatujuje ibyangombwa	Guhagarikwa	10,000
Gukorera ahatari amazi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira Ubwiherero	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira imiyoboro y'amazi y'imvura n'icyobo cy'amazi mabi akoreshwa muri garaji	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira umwambaro w'abakozi	Kuwushaka	10,000
Kutagira ibikoresho byabugenewe birinda abakozi ku mubiri (masks, goggles, gloves)	Kubishaka	10,000
Kutagira ibikoresho bizimya umuriro	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

IBIHANO N'AMAHAZABU

1. Kutitabira inama z'ubuyobozi nta mpamvu **2,000 Frw.**

2. Kutarara irondo 5,**000 Frw.**
3. Kwanga gutanga amahoro mu isoko igihe cyose abikoze **5,000 Frw.**
4. Gucumbikira abantu batazwi utabimenyesheje ubuyobozi **5,000 Frw.**
5. Abayobozi batitabira inama nta mpamvu **5,000 Frw.**

6 Umuntu wese uzafatwa akoresha umukozi udafite ibyangombwa kuri buri mukozi **5,000 Frw.**

8 Gukererwa mu manama kw'abayobozi nta mpamvu izwi:

A Ku rwego rw'Umudugudu: abayobozi buri umwe acibwa **1,000 Frw.**

B Ku rwego rw'Akagari: abayobozi buri umwe acibwa. **3,000 Frw**

C Ku rwego rw'Umurenge : absyobozi buri umwe acibwa **5,000 Frw.**

D Ku rwego rw'Akarere : abayobozi buri umwe acibwa **10,000 Frw**

1.2. ISUKU

10. Kutagira rondereza murugo **5000 Frw.**

11 Umuntu wese uzafatwa azerereza inka azajya acibwa amande y'amafaranga **20,000 Frw**

12. Umuntu wese uzafatanwa inka yambaye iherena ryigicupuli azacibwa amande y'amafaranga **20,000 Frw**

13**.** Umuntu uzafatwa azerereza Ihene, Intama cyangwa Ingurube azajya acibwa Amande y'amafaranga **5,000 Frw**

14. Kubagira ahatemewe no kubaga itungo ritapimwe na veterineri uzafatwa azacibwa Amande y'amanyarwanda kuburyo bukurikira;inka ibihumbi makumyabiri (20,000rwf),ingurube ibihumbi icumi (10,000rwf),ihene n'intama ibihumbi bitanu (5,000rwf)

No	IGIKORWA	Amande
1	Urwuri rudakoreye Bush clearing umuntu azajya ahanishwa igihano cy'amafaranga	**10.000frw**
2	Urwuri rutazitiye nyir'urwuri azajya ahanishwa igihano cy'amafaranga	**10.000frw**

1.3 IMIRIMA

1	Kudakorera urutoki umuntu wese utazabikora buri kwezi azajya acibwa	**5.000frw**
2	Guhinga ku murongo ubutaka buhujwe umuntu wese utabikora buri kwezi azajya acibwa ibihumbi bibiri buri hinga	**2.000frw**

1.4 AMASHURI

1	Abana bazafatwa batiga ababyeyi babo bazajya bacibwa amande ku mwana umwe	**2.000frw**
2	Umwana wavuye mw'ishuri umubyeyiwe azajya acibwa ibihumbi bibiri	**2,000frw**

1.5 UBUCURUZI

5	Umuntu wese uzafatwa atwara amata mu majerekani azajya ahanishwa kuri buri jerekane amafaranga	**1,000frw**
6	Umuntu wese uzafatwa acuruza inyama mu buryo butemewe ndetse nahantu hatemewe igihe cyose abikoze azajya acibwa ihazabu	**10.000frw**

7	Umuntu wese uzafatwa acururuza ahatemewe	**10,000frw**

	n’ubuyobozi ,azerereza ibicuruzwa,igihe cyose azafatwa azajya acibwa ihazabu	

2.0 IMIHANDA

1	Umuntu wese uzafatwa adakorera umuhanda ukora ku isambu ye cyangwa aho atuye azajya acibwa amafaranga igihumbi kuri m2 imwe.	**1000 frw**

2.1 TRANSPORT

1	Umuntu wese uzafatwa agendera ku igare ridafite itara n’ijoro igihe cyose abikoze azajya acibwa ihazabu y’amafaranga	**2000frw**

Madam:MUHONGERWA Patricia
Umuyobozi w’Inama Njyanama y’Akarere ka Nyagatare

Madam:mukurizehe Annualite
Umunyamabanga w’Inama Njyanama y’Akarere ka Nyagatare.